



IMFASHANYIGISHO YO GUTUBURA IMBUTO Z'INDOBANURE



Yateguwe na : DUHAMIC-ADRI

Mata, 2015

ISHAKIRO

IJAMBORY'IBANZE.....	5
GUSHIMIRA.....	6
I IRIBURIRO.....	7
0 IMBUTO NI IKI:.....	7
0.1. Ubushakashatsi ku moko y' imbuto.....	8
0.1.1. Ubwoko bw' imbuto bisobanura iki ?	8
II. GUTUBURA IMBUTO.....	12
2.1. Intambwe zo gutubura imbuto.....	12
2.2. Amabwiriza y'itubura.....	13
2.3. Ibigomba kwitabwaho mw' itubura ry' imbuto.....	15
2.3.1. Guhitamo ahazatuburirwa imbuto.....	15
2.3.2. Kwirinda ko imbuto zihumanyana «isolement ».....	13
2.3.3. Ubuso bw' umurima utuburirwaho imbuto.....	16
2.3.4. Guhinga umurima.....	16
2.3.5. Gufumbira umurima.....	16
2.3.6. Imirimo yo gutera.....	17
2.3.7. Gukura imbuto mbi n' izirwaye mu murima.....	18
2.3.8. Indwara n' uko zivurwa.....	18
2.3.9. Gusarura.....	19
2.3.10. Gutunganya imbuto.....	19
2.3.11. Guhura /Kugosora/ Guhungira no guhunika.....	19
2.3.12. Guhunika.....	20
III. IYANDIKWA RY'ABATUBUZI B'IMBUTO.....	20
IV: UBURYO BWO GUTORANYA IMBUTO NZIZA MU MURIMA.....	21
4.1. Impamvu yo gutoranya imbuto nziza mu murima:.....	21
4.2. Uko gutoranya imbuto mu murima bikorwa.....	21

IJAMBO RY'IBANZE

Iyi mfashanyigisho ku butubuzi bw'imbuto ya soya n'iy'ibigori yateguwe na DUHAMIC-ADRI ku nkunga ya TROCAIRE, ikubiyemo ibitekerezo by'abantu b'inzobere banyuranye batanzemo ibitekerezo ikaba ari umutungo bwite wa DUHAMIC-ADRI.

DUHAMIC-ADRI ni umuryango nyarwanda utegamiye kuri leta ugamije iterambere ry'icyaro, DUHAMIC-ADRI yatangiye mu mwaka wa 1979, ubona ubuzima gatozi ku itariki ya 12 Nyakanga, 1985. Ufite intego zikurikira :

1. Kurwanya ihezwa mu iterambere ry'abatuye icyaro
2. Gufasha gushyiraho no kwongerera ubushobozi amashyirahamwe n'amakoperative y'abahinzi n'aborozi,
3. Gufasha mu gushyiraho inzego z'amashyirahamwe n'amakoperative zihamye hagamijwe kugira ubwigenge busesuye mu micungire n'imiyoborere yayo.
4. Gufasha mu ishyirwa mu bikorwa ry'ibitekerezo n'imishinga inyuranye by'abanyarwanda batuye icyaro.

Nta muntu uwo ari we wese wemerewe kugira icyo ahindura kuri iyi mfashanyigisho haba kuyikorera kopi, kuyihindura mu zindi ndimi agamije inyungu ze bwite atabihereye uburenganzira bwanditse na DUHAMIC-ADRI.

GUSHIMIRA

Turashimira abantu bose bagize uruhare urwo arirwo rwose mu itegurwa ry'iyi mfashanyigisho by'umwihariko umufatanyabikorwa w'ibanze ariwe TROCAIRE, abakozi n'abayobozi ba DUHAMIC-ADRI, abayobozi, abakozi n'abanyamuryango b'Impuzamakoperative y'abahinzi n'aborozi «IMPUYABO ».

Turashimira kandi Ingenieur NIYONGIRA Emmanuel, inzobere mu by'ubuhinzi n'iterambere ry'icyaro, ku ruhare rwe rwo gukusanya no gushyirahamwe amakuru ya ngombwa n'inyigisho zikubiye muri iyi mfashanyigisho.

I. IRIBURIRO

Uburyo bwiza bwo kwongera umusaruro mu by'ubuhinzi ni ugukoresha imbuto zisumbijwe ubwiza izo abahinzi bisanganiwe cyangwa se iziturutse hirya no hino ku masoko.

Imbuto nziza niyo nyongeramusaruro iruta izindi zose kubera ko ariyo izindi nyongeramusaruro zishingiraho, idahari, zikaba ntacyo zamara.

Ubushobozi bwo gutanga umusaruro mwiza bw'igihingwa cyose buba mu mbuto.

Kugirango ubuhinzi bw'igihugu bushobore gutera imbere, abahinzi bagomba kugezwaho imbuto nziza zihagije kandi zibonekera ku gihe.

Abashakashatsi n'abatubuzi b'imbuto bafite uruhare runini mu guteza imbere ubuhinzi muri rusange no mu gutuma imbuto ziboneka by'umwihariko.

0. IMBUTO NI IKI?

Imbuto ni Intete, umurama, igihingwa cyangwa se igice cy'igihingwa, ingeri, ikibabi, umuzi bikoreshwa mu ituburwa ry'ibihingwa muri rusange.

Imbuto y'indobanure ni imbuto yatunganyijwe imaze gukorerwa ubushakashatsi, imbuto yagenzuwe, ifite ibisobanuro bya ngombwa ku cyo ipfunyitsemu kiyiranga.

Imbuto ni ikintu umunyarwanda wese w'umuhinzi azi kandi yubahiriza. Ibyo bigaragazwa n'uko mu muco w'abanyarwanda, nta muhinzi urya imbuto n'ubwo haba mu gihe cy'inzara. Ibyo byerekana ko mu buhinzi imbuto ari kimwe mu bintu by'ingirakamaro, bibura ihinga rigapfa (umulima, imbuto, isuka, umukozi), ariko kandi imbuto ziratandukanye.

Ubushakashatsi bwagaragaje ko imbuto nziza ishobora kongera umusaruro

kugeza kuri 25 ndetse na 30%, iyo iherekejwe n'izindi nyongeramusaruro, ishobora gukuba umusaruro kabili ndetse na gatatu. Imbutu rero zitandukanywa n'amoko yazo, imiterere n'imimerere. Kugeza ubu, imbutu z'indobanure zigera ku bahinzi ni nkeya cyane ugereranyije nizikenewe.

Inzitizi zituma imbutu z'indobanure zitagera ku bahinzi ni izi :

- Ubuke bw'imbutu, kuko imbutu zituburwa ari nke cyane ugereranyije n'izikenewe,
- Kutamenya akamaro k'imbutu z'indobanure birenze ubushobozi bw'abahinzi,
- kuzitubura nabyo bihenze.
- Kutagira imyumvire imwe ku mbuto n'uburyo yagezwa ku bahinzi, hagati ya Leta,
- abashakashatsi n'abahinzi.
- Igiciro cy'imbutu z'indobanure

0.1. Ubushakashatsi ku moko y' imbutu.

0.1.1. Ubwoko bw'imbutu bisobanura iki ?

Ubwoko bw'imbutu « variété » ni ibimera bisa bifite ibibiranga by'umwihariko kandi bifitiye akamaro ubuhinzi. Iyo ubitubuye biciye mu buryo bw'imbutu cyangwa hakoreshejwe ingere bigumana wa mwihariko ubiranga.

Imbutu nziza bivuga iki ?

Imbutu yitwa ko ari nziza iyo ari umwimererere, itavanze n'imbutu z'ubundi bwoko, itarwaye, ifite ubuhehere butuma ibikwa igihe kirekire, itononekaye kandi ishobora kumera ku buryo bushimishije.

Mu Rwanda hakoreshwa « inzego » zingahe z' imbuto?

Inzego z'imbuto z'indobanure zishyirwaho hakurikijwe uko imbuto zigenda zibyara izindi kuva mu kigo cy'ubushakashatsi kugera ku muhinzi.

Izo nzego ni izi:

a) Imbuto y'icyororo

Ni imbuto iboneka mu bwoko bw'imbuto bushyashya bukomoka ku bushakashatsi. Iyo mbuto iba ari nke cyane, ubusugire bwayo bukabungabungwa n'ikigo cy'ubushakashatsi (RAB) ari nacyo gishinzwe kuyitanga, kugira ngo hatagira igihinduka ku miterere yayo.

b) Imbuto y'ifatizo

Iboneka bahinze rimwe cyangwa kabiri imbuto y'icyororo, kugira ngo yiyongere, hanyuma ikwirakwizwe aho igenewe.

Ibyo biterwa n'uko imbuto irumbuka.

Urugero

- Ibinyamisogwe birumbuka buhoro buhoro, bahinga ibihe by'ihinga bibiri kugira ngo haboneke imbuto ihagije.
- Ibinyampeke byo mu ihinga rimwe gusa, ushobora kubona imbuto y'ifatizo ihagije.
- Hari n'aho gutubura imbuto y'ifatizo bitaba ngombwa nk'ibigori, umuceri. Iyi mbuto nayo itangwa na RAB.

c) Imbuto y'ibanze

Ikomoka ku mbuto y'icyororo cyangwa y'ifatizo, igatuburwa n'ibigo bibizobereyemo nk'ikigo cy'igihugu gishinzwe iterambere ry'ubuhinzi n'ubworozi (RAB), cyangwa abikorera ku giti cyabo babyifuzza, babifitiye ubumenyi ndetse n'ubushobozi kandi babihereye uburenganzira n'ababishinzwe.

d) Imbutu icuruzwa ifite icyemezo

Ikomoka ku mbuto y'ibanze, ikaba urwego rwa nyuma rw'imbutu z'indobanure, ariko iyi mbuto igira amoko abiri, hakurikijwe uburyo zituburwa:

- Imbutu yahawe icyemezo, nyuma yo gutuburwa zihabwa icyemezo (Certificat) n'ikigo kibishinzwe ko ari nziza **(RAB)**.
- Imbutu zaranzweho ubudakemwa, abashinzwe kuzigenzura, bazisura mu mirima no mu bubiko mu rwego rwo guhinyuza ibyo babwiwe n'uzihinga.

Imbonerahamwe y'inzego z'imbutu z'indobanure

Urwego	Inkomoko	Inkomoko
1) Imbutu y'icyororo	Imbutu nshya, cyangwa iturutse ku bushakashatsi	RAB
2) Imbutu y'ifatizo	Ikomoka ku mbuto y'icyororo	RAB
3) Imbutu y'ibanze	Ikomoka ku mbuto y'icyororo cyangwa y'ifatizo	RAB n'abahinzi cyangwa amakoperative babizobereyemo
4) Imbutu zicuruzwa	Ikomoka ku y'ibanze	Abahinzi, amashyirahamwe
a) zifite icyemezo	Icuruzwa	Abahinzi babonye certificat
b) zaranzweho ubudakemwa	Icuruzwa	abahinzi bafite uruhusa rwo kuzicuruza

Ubushakashatsi bw' amoko y' imbuto bumaze iki ?

Ubushakashatsi bw' amoko y' imbuto bushaka amoko y' imbuto asubiza ibibazo binyuranye ubuhinzi cyangwa abahinzi bahura nabyo nk' umusaruro muke, indwara, kwihanganira izuba n' ibindi.

Ni iki kiba gishakishwa mu moko y' imbuto ?

Ibishakishwa mu moko y' imbuto biteye ukubiri

Umusaruro n' ubwiza bw'igihingwa cyangwa ibigikomokaho:

Umusaruro upimwa hagereranywa umusaruro n' ubuso uvuyeho, upimwa kandi hagereranywa n' inyongeramusaruro zakoreshejwe mu kubyaza uwo musaruro, cyangwa se ingufu zashowemo.

Ubwiza bw' imbuto bugaragarira mu bwiza n' ubwinshi bw' ibishobora kubyazwa igihingwa runaka (igipimo n' ubwiza by' amavuta ari muri soya) bukagaragarira kandi mu bindi bintu nk' uburyohe, impumuro usangana ubwoko bw' ibihingwa bimwe na bimwe.

Ububere bw' ahantu cyangwa ubwihanganire bw' ibintu bikunda kubangamira ibimera nk' imvura nke, ubukonje bwinshi n' ibindi.

Ibyo bigaragarira nko mu kwera kare kw' ubwoko bw' imbuto, kwihanganira izuba n' ibindi

Ubushakashatsi ku moko y' imbuto bukorwa gute ?

Abashakashatsi bavana mu bindi bihugu biteye nk' u Rwanda amoko y' imbuto y' ibihingwa byagaragaje umusaruro mwiza cyangwa se ibindi bishakishwa mu buhinzi cyangwa se bakabangurira ubwoko bumwe ku bundi bagamije gushyira mu bwoko bwabanguriwe ibyo bifuzwa nko kwihanganira indwara, kwera vuba, umusaruro utubutse n' ibindi.

Ubwo bwoko buvuye mu mahanga cyangwa bwabanguriwe hano mu gihugu bukomeza kugeragezwa mu bigo by' ubushakashatsi ndetse no mu mirima y' abaturage bemeye gukorana n' abashakashatsi kugera igihe bigaragaye ko bwujuje ibyangombwa byifuzwa kandi nta nenge bufite. Icyo gihe nibwo bwemezwa ko bushobora gutuburwa no guhabwa abahinzi.

Ubufatanye bw' abatubuzi b' imbuto n' abashakashatsi ni ngombwa haba muri iyo mirimo yo kugerageza amoko y' imbuto haba cyangwa se no mu gutubura imbuto.

II. GUTUBURA IMBUTO

2.1. Intambwe zo gutubura imbuto.

Kugira ngo imbuto igere ku muhinzi ica mu nzira zinyuranye zigamije ko imbuto igumana umwimerere n' ubwiza byayo kandi ikabonekera igihe no mu bwinshi.

Kubera ibyo, hashyizweho umubare ntarengwa buri rwego rushobora gutuburwamo:

- urwego rw' imbuto bita « **Remezo/icyororo** » ituburwa rimwe cyangwa kabiri gusa.
- urwegorw' imbuto bita « **ibanze** » ishobora gutuburwa kugeza kuri gatatu mu gihe imbuto idata umwimerere wayo. Ibi bikorwa cyane ku bihingwa bisaba imbuto nyinshi nk' ibirayi cyangwa bigira umusaruro muto kuri hegitari nk' ibishyimbo.
- urwego rw' imbuto bita « **Icuruzwa ifite icyemezo** » ituburwa rimwe cyangwa kabiri bitewe n' ubwinshi bw' imbuto ikenewe.

2.2. Amabwiriza y'itubura

Kwitarura indi mirima ngo bitabangurirana, bikanduzanya indwara Hakoreshejwe : Inkuta cyimeza (igihingwa bisa gikikije, ikindi gihingwa Metero z'ubwitarure ziba nyinshi ku bihingwa bibangurirana (metero 400 ku bigori na metero 5-10 kuri soya)

- Kugenzura imbuto mbere yo kuyitera
- Gutegura umurima
- Gufumbira (Ifumbire iboze bihagije n'imvaruganda)
- ✓ Gutera no kumenyekanisha itera,
- ✓ Byoroshya imirimo yo kubagara
- ✓ Hakoresha imbuto nke isaranganyije kimwe mu murima (ibilo 20 by'imbuto y'ibigori na 50 kuri soya)
- ✓ Byoroshya kandi no gutera imiti mugihe bibaye ngombwa
- ✓ Bikorohereza abagenzuzi gusura umurima
- ✓ Guhingira no guterera rimwe
- ✓ Kumenyekanisha umurima w' ubutubuzi (déclaration = **kuzura ifishi y' imenyekanisha**)

Kugenzura umurima

- ✓ **Igenzura rya mbere** rikorwa igihingwa kimaze ukwezi n'igice gitewe (umurima ko witaruye, ukoreye neza,imbuto zitavangitiranye mu murima umwe, intera iri hagati y' ubwoko n' ubundi (**5 m kuri soya, 400 m ku bigori, gushyiraho ibyapa**)

- ✓ Igenzura rya kabiri rikorwa igihingwa kimaze kurabya

Iyo umurima wujuje ibipimo bisabwa wemezwa by'agateganyo ko uzatanga imbuto

- **Ingero ngenderwaho**
- ✓ Ibihingwa by'ubundi bwoko (bitarenze 2 %)
- ✓ Ibihingwa birwaye (Bitarenze 2 %)

Hasabwa iki ngo ube umutubuzi?

- Kwandikira RAB uyisaba kuba umutubuzi
- Kuzuza ifishi yo gusaba kuba umutubuzi
- Kuba ari ku rutonde rwemewe n'ikigo kibifitiye ububasha rw'abatubuzi.
- Kuba ufite imirima ihagije itari muni ya Ha 5
- Kugira imbuga yo gusaruriraho no gutunganyirizaho umusaruro.
- Kugira amangazini yo kubikamo imbuto (umusaruro).
- Kuba ufite ibikoresho byo gupima (iminzani) no gupfunyikamo imbuto.
- Kuba ufite amapompo yo guteresha imiti.
- Kugira umutekinisiye wo gukurikirana imirimo (bishobotse)
- Gutunga itegeko ry'imbutu (rigenga imituburire y' imbuto)

- Kuzuzwa ifishi yo kumenyekanisha ihinga (Déclaration de culture)
- Kuzuzwa ifishi yo kumenyekanisha umusaruro (Déclaration de récolte)

2.3. Ibigomba kwitabwaho mw'itubura ry'imbutu.

2.3.1. Guhitamo ahazatuburirwa imbutu.

Buri bwoko bw'imbutu bugomba gutuburirwa mu karere (ahantu) iyo mbuto ibereyemo.

Igihingwa	Ubutumburuke	Akarere	Intara
Ibigori	< 2200 m	Igihugu cyose	Intara zose
SOYA	< 1800 m	Igihugu cyose uretse mu misozi miremire y'amajyaruguru.	Amajyepfo Iburasirazuba n'iburengerazuba.

2.3.2. Kwirinda ko imbutu zihumanyana «isolement»

Kugirango amoko y'imbutu adahumanyana biciye mw'ibangurirana cyangwa ivangwa ry'imbutu, umurima w'ubwoko bw'imbutu ituburwa ugomba gutandukanywa n'umurima w'iyindi mbuto cyangwa ubundi bwoko bw'imbutu y'icyo gihingwa.

Ibyo bikorwa hasigwa umwanya uhagije hagati y'imirima ituburirwamo, ubwoko bunyuranye cyangwa imbutu zinyuranye cyangwa hashyirwa uruzitiro hagati y'imirima yombi ; Ubundi buryo bukoreshwa ni uguterera igihe gitandukanye kugirango izo mbuto zombi zitazarabiriza rimwe bityo zikaba zabangurirana.

Umwanya ugomba kuba hagati y' umurima n' uwundi uterwa n' igihingwa icyo aricyo na kategori izo arizo.

Igihingwa	Umwanya hagati y' imirima (m)	
	Imbuto y' « ibanze».	Imbuto « icuruzwa ».
<i>Ibigori</i>	400 m	200 m
<i>Soya</i>	10 m	5 m

2.3.3. Ubuso bw' umurima utuburirwaho imbuto

Ubusanzwe umurima muto wemewe gutuburiraho imbuto ni Ha eshanu ku bigori. Ku bindi bihingwa, imirima mito yegeeranye ishobora kwemerwa.

2.3.4. Guhinga umurima

Umurima w' imbuto ugomba guhingwa neza kugera kubujya hasi bwa cm 25 cyangwa 30 byibura, ukwezi kumwe mbere y' itera kugirango ibyatsi biri mu murima bishobore kubora kandi kugirango imbuto itazacikanwa n' imvura zambere. Akenshi guhinga utinze bituma utera utinze bikaba byakuviramo kuteza neza igihe imvura icitse kare.

2.3.5. Gufumbira umurima

Mbere yo gutera ushyira mu murima ifumbire y' imborera ingana na Kg 200 kuri are (ni ukuvuga nibura toni 20 kuri hegitari)

Mu turere dufite ubusharire bw' ubutaka, hongerwamo ishwagara ingana na kg 25 kuri are imwe (ni ukuvuga toni 2,5 kuri hegitari).

Nyuma y' ifumbire y' imborera, umurima ushyirwamo ifumbire mvaruganda ikubiyemo imyunyu ya N ;P ;K. mu bipimo binyuranye bitewe n' ibihingwa ndetse n' imiterere y' ubutaka.

Muri rusange, ibinyamisogwe bikenera cyane imyunyu ya Phosphore (P), Ibinyampeke bigakenera cyane umyunyu wa Azote (N) naho ibinyabijumba imyunyu ya potasiyumu (K).

Ibipimo bikoreshwa ku bihingwa binyuranye ni ibi bikurikira

<i>Igihingwa</i>	<i>Ibipimo by 'ifumbire nvaruganda kuri hegitari</i>
Ibigori	100kg DAP/ha mu gihe cy'itera na 50 kg Urée igihe cy' ibagara
Soya	100 Kg de DAP, mu gihe cy'itera, Soya ikoresha neza ifumbire y' igihingwa cyayibanjirije.

2.3.6. Imirimo yo gutera

Kugirango haboneke imbuto nziza, umutubuzi agomba kwubahiriza inama zijyanye n'igihe cyiza cyo gutera, guhungira imbuto mbere yo kuzitera, imbuto ziterwa kuri hegitari n' ubucucike (densité)

Igihingwa	Igihe cyo gutera	Imiti ikoresha mu guhungira imbuto	Umwanya hagati no mu mirongo	Ubucucike
Ibigori	Nzeri Na Gashyantare	Garama 5 za Super Homai cyangwa garama 3 za Fernasan D kuri kilogarama y' imbuto cyangwa invange ya garama 2 zaThiram na garama 1 ya benlate kuri kilogarama y' imbuto.	Santimetro 60 cyangwa 80 kuri 30 ugasigamo inzira ya sentimetro 80 buri metero enye.	Kilogarama 25 kuri hegitari

Igihingwa	Igihe cyo gutera	Imiti ikoreshwa mu guhungira imbuto	Umwanya hagati no mu mirongo	Ubucucike
Soya	Ukwakira na Werurwe	Garama 3,5 za Gaucho uvanze na garama 2,5 za Thiram kubiro 10 by' imbuto	Santimetero 40 kuri 10.	Kilogarama 50-60 kuri hegitari

2.3.7. Gukura imbuto mbi n' izirwaye mu murima.

Kugirango imbuto ituburwa igumane umwimerere wayo, umutubuzi akomeza akuramo imbuto mbi cyangwa irwaye mu murima agasiga izifite umwimerere w' iyo atubura.

Ibipimo by' umubare w' izindi mbuto n' uwizirwaye bikurikizwa ni ibi:

Igihingwa	Ijanisha ry' izindi mbuto (hors types)		Ijanisha ry imbuto zirwaye		Indwara zitabwaho
	Base	Certifiée	Base	Certifiée	
Soya	1%	2%	1%	5%	ziterwa na virusi
Ibigori	1%	2%	1%	2%	Ukubora k'uruti, indwara ziterwa n'uduhumyo, Virusi,

2.3.8 Indwara n' uko zivurwa

Indwara n' ibyonnyi by' imyaka bigabanya ubwiza bw' imbuto bikagabanya n' umusaruro.

Umutubuzi w' imbuto agomba kumenya neza indwara z' ibihingwa

n'ibyonnyi byabyo akamenya n' uburyo birwanywa;

2.3.9. Gusarura

Igihe cy'isarura umutubuzi agomba kwita kuri ibi bikurikira:

1. Kwirinda gusarura imbuto zigifite ubuhehere bwinshi. Ubuhehere bugomba kuba hasi ya 20%.
2. Kudatinza imbuto mu murima iyo igeze igihe cy'isarura.
3. Gukomeza kurobanura imbuto zitari nziza cyangwa zirwaye zigakurwamo.
4. Kwirinda guta umusaruro mu murima.
5. Kwirinda kuvanga ubwoko bunyuranye bw'imbuto buri mbuto isaruwe ihabwa ikimenyetso kiyiranga.

2.3.10. Gutunganya imbuto

- *Kwumisha imbuto.*

Akenshi iyo imbuto igisarurwa iba ifite ubuhehere buri hejuru. Nibyiza kubanza kuyanika mbere yo kuyitunganya (kuyihungura cyangwa kuyihura)

Nyuma yo kuyihura, irasubira ikanikwa kugirango igere ku buhehere butuma ishobora guhunikwa neza. Ku bihingwa byinshi nk'ibinyampeke n'ibinyamisogwe, ubuhehere bugomba kujya muni ya 13%.

2.3.11. Guhura /Kugosora/ Guhungira no guhunika

Iyo imbuto z'ibinyampeke cyangwa ibinyamisogwe zimaze kwuma, zirahurwa. Mu gihe cy'ihura umutubuzi agomba kwirinda kumena cyangwa gukomeretsa impeke z'imbuto. Guhura bikorwa n'amaboko cyangwa se n'imashini kubazifite.

Nyuma y'ihura, imbuto iragorwa kugirango batandukanye imbuto

n'ibishogoshogo, umukungugu n'amabuye. Kugosora bituma kandi imbuto ziteze cyangwa zinyuranye n'imbuto yatubuwe zitandukanywa n'imbuto nziza. Ubusanzwe hakoreshwa intaro mu kugosora imbuto ariko habaho n'imashini z'ubwoko bunyuranye zigosora imbuto.

Izo mashini zifite ubushobozi bunyuranye, hari n'izikora akazi ko guhungira no gushyira mu mifuka.

Mu gihe hakoreshwe imashini mu kugosora, hagomba kwirindwa ko imbuto z'amoko anyuranye zivanga bitewe ko hari izaheze mu mashini. Imashini igomba gusukurwa neza igihe igosoye imbuto inyuranye n'ikurikira.

2.3.12. GUHUNIKA

Imbuto iyo zimaze kugosorwa, zirahungirwa, zigashyirwa mu mifuka , zigahunikwa ahantu humutse kandi hanyura umuyaga.

Imifuka ihunikwamo igomba gusukurwa kugirango itanduza imbuto igiye guhunikwamo.

Ahantu hahunikwa imbuto, hagomba kuba hafite isuku, hakingiyeye ibyonnyi n'imvura.

Umutubuzi agomba kumenya ko ubushyuhe n'ubuhere byinshi bituma imbutso zihunitse zononekara.

Umutubuzi agomba guhora asura ahahunitse imbuto kugirango yirinde icyakonona imbuto cyose.

III. IYANDIKWA RY'ABATUBUZI B'IMBUTO.

Buri mutubuzi agomba kwandikisha imirima ye atuburiramo imbuto mu kigo cy'igihugu gishinzwe ubuhinzi n'ubworozi (RAB) kugirango yemererwe gutubura imbuto.

Buri mutubuzi agomba kwuzuzwa amafishi yabugenewe igihe yiyandikisha nk'umutubuzi.

IV: UBURYO BWO GUTORANYA IMBUTO NZIZA MU MURIMA.

4.1. Impamvu yo gutoranya imbuto nziza mu murima:

Gutoranya imbuto nziza mu murima bikorwa n'abatubuzi b'imbuto cyangwa abahinzi muri rusange bagamije kubungabunga ubwiza bw'imbuto.

Mu Gihugu nk'u Rwanda aho abahinzi benshi bakoresha imbuto bakuye ku musaruro wabo, gutoranya imbuto mu murima bifasha abahinzi guhorana imbuto nziza zo guhinga. Ibyo bikorwa hatanywe imbuto zigaragaza ubwiza kurusha izindi mu murima zikaba arizo zikoreshwa nk'imbuto mu gihe cyo gutera mu gihembwe cy'ubuhinzi gikurikira.

Gutoranya imbuto mu murima bikorwa hatanywe mu murima imbuto zirusha ubwiza izindi haba mu mikurire cyangwa mu kutagira indwara kandi zifite umwimerere w'iyi mbuto yahinzwe. Izo mbuto zishyirwaho ikimenyetso, zigakurikiranwa kandi zikazasarurwa ukwazo.

4.2. Uko gutoranya imbuto mu murima bikorwa.

Umuhinzi udashobora kubona imbuto z'indobanure zitangwa n'ibigo cyangwa abatubuzi bemewe, ashobora kwitegurira imbuto azakoresha ubutaha atoranya mu murima we imbuto nziza iruta izindi akaba ariyo abikaho imbuto.

- **Gutoranya imbuto nziza bitangira ibiterwa bikiri bitoya.**

Umuhinzi asuzuma mu murima we ibiterwa birimo, akabigereranya bimwe ku bindi agatoranyamo ibiterwa abona bikuze neza kuruta ibindi,

bisa neza n'imbuto yifuzwa akabishyiraho ikimenyetso.

- **Gukomeza gukurikirana imbuto yatoranijwe kugeza kw'isarura.**

Umuhinzi uko aciye mu murima we mu mirimo ye isanzwe, akomeza kugenzura ya mbuto yatoranije. Yabona igaragaza ubudasa n'imbuto yifuzwa cyangwa ifite uburwayi akayikuramo cya kimenyetso. By'umwihariko, iyo asanze irwaye imbuto itavurwa nka kirabiranya cyangwa imfunyapfunya, imbuto irwaye ikurwa mu murima kugirango itanduza izindi.

- **Igihe cyo gusarura.**

Umuhinzi abanza gusarura ya mbuto yatoranijwe yashyizweho ikimenyetso. Akomeza kandi gusuzuma niba imbuto ziyivuyeho zisa neza na ya mbuto ashaka akanakuramo igaragaje ubusembwa. Za mbuto amaze gusarura bwa mbere ziravangwa akazanika ukwazo akaba arizo abikaho imbuto azakoresha ubutaha.

Kugirango umuhinzi cyangwa umutubuzi ashobore gukora neza itoranya ry'imbuto, agomba kuba azi neza ibiranga imbuto ashaka gutoranya ndetse n'ibimenyetso by'indwara zikunda gufata iyo mbuto.

IV.3. Ibiranga imbuto byitabwaho mu gutoranya imbuto..

Ibinyampeke/ Ibigori :	Ibinyammissogwe/Soya
Uburebure bw'ikigori	Uburebure bw'intete
Uburebure bwaho ikigori gihekera	Ibara ry' indabyo
Uburebure buri hagati y'ingingo ebyiri	Uburebure bw' imiteja
Uburebure n'imiterere y'ikigori	Umubare w' imiteja kuri buri giti

Umubare w'imirongo y'impeke.	Umubare w' imbuto/intete muri buri muteja
Ibara, imiterere n'ubunini bw'impeke.	Ibara, imiterere y' imbuto
iminsi ikigori kizaniraho imisatsi	Imiterere n'imikurire
Iminsi kigori kizaniraho ururabo(panicule)	Igihe kirabiriza
Iminsi ikigori cyereraho	Iminsi kimara kugirango cyere
Kwihanganira indwara	

UMWANZURO RUSANGE

Guhinga, gusarura, gutunganya imbuto no kuzihunika bigomba kwitabwaho kugirango haboneke imbuto nziza. Ntibihagije kugirango uhinge, weze, ugomba no gukomeza kwita ku musaruro kugeza igihe imbuto ziviriye mu magazini/ubuhunikiro. Koko rero, imbuto uyizera ari uko uyihunitse, ariko kandi ntibicira aho, ugomba kuyirinda imungu, imbeba n'ibindi bisimba. Ubushobozi bwo kumera bushingiye ku mibikire myiza. Iyo bugabanutse ntabwo ari ikintu upima ku jisho gusa: Ni ngombwa gusuzumisha imbuto muri laboratwari ndetse no mu turima duta. Gukoresha imbuto nziza ni bumwe mu buryo buzatuma dushobora kongera umusaruro kandi ibyo bigakorwa n'inzego zose zibishinzwe kugera ku muhinzi.

